# REPUBLIC OF RWANDA

**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**
**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**
**UBUSHINJACYAHA BUKURU**
**P.O. Box 1328 Kigali – RWANDA**
**E-mail: info@nppa.gov.rw Website: www.nppa.gov.rw**


## IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NKURU Y'URWEGO RW'U RWANDA RUSHINZWE IGORORA

Kuwa 30/04/2024, mu cyumba cy'inama cy'Ubushinjacyaha Bukuru, habereye inama idasanzwe y'Inama Nkuru y'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora, iyobowe n'Umushinjacyaha Mukuru akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, Bwana HAVUGIYAREMYE Aimable.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no kwemeranya ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa, inama yemeje imyanzuro ikurikira:

1. Inama yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Nkuru y'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora, yateranye kuwa 17/01/2024, imaze kuyikorera ubugororangingo no kureba uko imyanzuro y'iyo nama yashyizwe mu bikorwa.
2. Inama yagejejweho ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari y'umwaka 2023-2024, igezwaho ingengo y'imari yagenywe y'umwaka wa 2024-2025, inemeza gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora mu mwaka wa 2024-2025.
3. Inama yemeje imbanzirizamushinga y'Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho sitati yihariye y'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora.
4. Inama yemeje urutonde rw'abakozi b'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora basabirwa igihano cyo kwirukanwa burundu mu kazi, bakurikiranyweho amakosa akomeye bakoze mu rwego rw'akazi, anyuranye n'imyitwarire ikwiye kubaranga.

Inama yatangiye saa cyenda (15h00) irangira saa kumi n'ebyiri n'iminota itanu(18h05).

Bikorewe i Kigali, kuwa 30 Mata 2024

Digitally signed by
Havugiyaremye Aimable

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora**